EVECHE DE KABGAYI

B.P. 66 Muhanga (Gitarama)
Rwanda

# INYIGISHO YO KU MUNSI MUKURU WA NOHELI 2016

*(+Smaragde MBONYINTEGE, Umushumba wa KABGAYI)*

*Misa yo mugicuku: Iz 9, 1-6; Tito 2, 11-14; Lk 2, 1-14*
*Misa yo kumanywa: Iz 52, 7-10; Heb 1, 1-6; Yoh 1, 1-18*

## "Nuko Jambo yigira umuntu abana natwe" *(Yoh 1, 14)*

0. Bakristu bavandimwe, turizihiza umunsi mukuru wa Noheli twibuka rya **Joro**, ubwo Jambo yigize umuntu akabana natwe. Turayizihiza kandi turi mu rugendo rwa Yubile y'imyaka ijana umupadiri wa mbere ahawe ingabire y'ubusaserdoti hano iwacu mu Rwanda, ndetse **kuri aka gasozi ka Kabgayi**. Ubwo ga Jambo wigize umuntu akabana natwe aba aratwegereye! Hari isano ya hafi iri hagati yo kwigira umuntu kwa Jambo n'itorwa ry'umusaserdoti rizakomeza kutwereka no kutwegereza Yezu Kristu ngo tubane na we nk'uko yaje kubana natwe. Ni yo mpamvu mbasaba gushyira ku mutima iyi Noheli y'uyu mwaka musabira abasaserdoti banyu, ngo barusheho kuba uwo Yezu Kristu abashakaho no kubera imbaga y'abakristu bashinzwe uwo babatezeho. Twarabitangiye kandi tuzakomeza kubigarukaho uyu mwaka wose. Ni ibanga rikomeye ry'ubukristu ritureba twese nk'abemera Yezu Kristu.

Mu bwiyoroshye no mu kwicisha bugufi imbere y'Imana n'abavandimwe bacu, nimucyo dusabe imbabazi z'ibyaha byacu, kugira ngo dushobore kumva ijambo ry'Imana no gutura Igitambo cy'Ukaristiya dufite umutima usukuye.



Tél. : +250 252 562 103
+250 252 562 104
+250 (0)78 25 72 506
+250 (0)72 27 16 075
+250 (0)78 85 16 346

e-mail : dkabgayi@gmail.com
vgkabgayi@yahoo.fr

## "Nuko Jambo yigira umuntu abana natwe" *(Yoh 1, 14)*

1, Bakristu bavandimwe, nk'uko twatangiye tubivuga, turibuka rya **Joro** Yezu Kristu yavutseho, ubwo Jambo yigize umuntu akabana natwe, maze tukibonera ikuzo rye (Yoh 1, 14), uko Yohani Intumwa abitubwira.

Umwanditsi w'ivanjiri ya Luka, avuga neza iri vuka rya Yezu arishyira mu mateka y'igihe cyaryo; ku ngoma y'umwami w'abami Kayizari Ogusto, Kwirini ari umutware wa Siriya, ariyo Galileya kwa Yozefu na Mariya babarirwagamo. Nyamara inkomoko yabo yari i Betelehemu. Niho Yezu yavukiye mu kiraro cy'amatungo (Lk 2, 1-6).

Bavandimwe dusangiye ukwemera, mwakwakira gute uyu Mwana w'Imana uvukira mu kirugu cya Betelehemu, mwibuke ko ari nawe uzava kuri iyi si aciye ku musaraba i Yeruzalemu (Mk 15, 33-39). Nuko ikuzo ry'Imana ryashatse kutwigaragariza. Kuvukira mu igorofa cyangwa se mu kirugu Imana yashatse kubiha agaciro gake cyane, ahubwo ishyira imbere ubutoni ku Mana bwaranze Mariya na Yozefu bamwakiriye bwa mbere muri uko kuvukira mu kirugu, maze bakibonera ikuzo ry'Imana. Abamalayika n'abashumba, ni ukuvuga abahagararira ijuru n'isi, bakahamusanga baririmba bati: *"Imana nikuzwe mu ijuru maze munsi abo ikunda bahorane amahoro" (Lk 2, 14).*

2, Bakristu bavandimwe, nubwo amaza ya Yezu Kristu yaje asa n'atunguranye, nyamara yari yarategujwe bihagije, biciye mu buzima bunogeye Imana n'imvugo yuzuye ubushishozi by'abahanuzi *(Heb 1, 1-2).* Aho intumwa n'abigishwa ba Yezu Kristu bamariye gushira amanga n'ubwoba bari batewe n'urupfu rubabaje rwa Yezu ku musaraba, kandi babifashijwemo na Roho wa Kristu wabasheshekajwemo, basubije amaso inyuma, begera Ibyanditswe bitagatifu, maze batangarira ubuhanga n'ubuntu bw'Imana yiyemeje kudukiza iboneza byose muri Yezu Kristu wagombaga kuza igihe Imana yigeneye kigeze *(Intu 2, 29-32).* Kandi guhera mu gihe cya Yezu ugana amateka ari imbere, amahanga yose yararikiwe kwakira no kwemera Yezu Kristu nk'Umukiza wacu Imana yaduhaye *(Rom 1, 5-7).* Ubu twe turi hano, turi abakiranye ukwemera iyo Nkuru Nziza

y'ugukizwa kwacu; Jambo wigize umuntu akabana natwe (Yoh 1, 14), noneho natwe yatugezeho, tubana nawe, yaratwegereye kubwa Batisimu twahawe mu izina rye, kubw'Ukaristiya dusangira mu izina rye, no kubw'umuryango tugize nka Kiliziya atungisha kandi ayoboresha Roho Mutagatifu mu izina rye.

3, Niba mu Isezerano rya kera Yezu Kristu yarifashishije abahanuzi ngo ategurire isi amaza ye, nyuma y'ivuka rye i Betelehemu n'urupfu n'izuka bye i Yeruzalemu, yifashishije intumwa yitoreye akabana na zo, zikibonera ikuzo rye *(Intu 10, 42-43),* zikamwemera kugeza ubwo na zo zimwitangira. Ni mu kwemera kw'izo ntumwa za Yezu zigishije iyo Nkuru Nziza zimurikiwe na Roho Mutagatifu, natwe twakira Nyagasani Yezu watuvukiye iwacu, mu mateka yacu, mu gihe cyacu, mu gihugu cyacu n'amateka yacyo. Inkuru Nziza y'ivuka rya Yezu Kristu i Betelehemu n'urupfu n'izuka bye i Yeruzalemu byageze iwacu mu Rwanda mu rusobekerane rw'amateka agoye y'ubukoroni n'ingoma ya cyami bitajyanaga mu myumvire twarimo. Ni muri ayo mateka abanyarwanda bakiriye inkuru nziza ya Yezu Kristu, ariko by'akarusho, bidatinze, bamwe mu bana bayo bitabana ibakwe umuhamagaro wa gitumwa ku itariki ya 07 Ukwakira 1917 hano i Kabgayi, Musenyeri Yohani Yozefu Hiriti aha Isakaramentu ry'Ubusaserdoti Padiri Balitazari GAFUKU uvuka i ZAZA na Padiri Donati REBERAHO uvuka i SAVE. Ibi byanditse amateka mashya ya Kiliziya gatolika mu Rwanda, kandi Nyagasani Yezu abirimo.

4, Uyu mwaka rero nk'uko natangiye mbibabwira, turi mu mwaka wa Yubile y'imyaka ijana, umwana w'umunyarwanda ahawe Ubusaserdoti bwa Yezu Kristu, ngo abe intumwa y'Inkuru Nziza y'ivuka, urupfu n'Izuka bya Yezu Kristu. Niba rero dushyira imbaraga mu kuzirikana iyi tariki ya 07 Ukwakira 1917, ku munsi mukuru wa Rozari, nuko bidufasha kumva no kuzirikana kuri Kiliziya yacu mu Rwanda; kandi tukabikora nk'uko Yezu Kristu yabikoze ubwo yari araye ari budupfire; igihe yaremye Ukaristiya n'ubusaserdoti mu Ijoro rimwe, mu gihe kimwe, ku meza amwe *(Yoh 13, 16-20; 1Kor 11, 23-26);* maze abigira umutima muzima wa Kiliziya yari agiye gushinga. *"Nuko Jambo yigira umuntu abana natwe, maze twibonera ikuzo rye" (Yoh 1, 14).* Padiri n'Ukarisitiya ntagatifu mu ikoraniro ry'abakristu, ni bwo buranga bwa Kristu Yezu muzima muri Kiliziya yacu. Ingorane z'amateka twaciyemo nka Kiliziya mu Rwanda, n'ingaruka zabyo tubona mu gihe cyacu, bidufashe kumva kurushaho ko Nyagasani Yezu ari kumwe natwe. Niba yarahisemo kuvukira mu kirugu, akemera gupfira ku musaraba, yashakaga

kugargaza aho imbaraga ze nyazo ziri. Ziri mu bunogeramana bwe, ubu zikaba ziri muri Kiliziya yemera, aho Padiri n'Ukaristiya bikomeza kuba rya pfundo Kristu Yezu yigaragarizamo, akubaka Kiliziya ye, na yo ikabaho kubwe. Ntimugakangwe n'inzeso zimeneka ubusa turi zo; hirya y'izo nzeso ni cya kirugu cy'i Betelehemu, ni wa musalaba w'i Yeruzalemu, ariko hirya yabyo hari Yezu muzima, wuzuye ikuzo n'ubushake bwo kudukiza.

5, Bakristu bavandimwe, Padiri w'umunyarwanda, mu Rwanda n'amateka yarwo, nk'abandi bantu bose hari aho yatebye, ndetse hari n'abataye inshingano zabo nk'uko tujya tubumva mu binyamakuru byo hanze aha. Mugusabira imbabazi abo bose batashoboye kubahiriza inshingano zabo, turashimira Imana itarahwemye kudutoramo abasaserdoti bakunda Kiliziya yabo, bakunda igihugu cyabo, baharanira kubungabunga umuco wa Kinyarwanda na gikristu. Icyo mwadusabira kurusha ibindi muri uyu mwaka wa Yubile ni ukuba abasaserdoti uko Nyagasani Yezu wadutoye adushaka, no kunogera imbaga y'abakristu bayoboye babatungisha neza ijambo ry'Imana n'amasakramentu bibabanya neza na Jambo wigize umuntu akabana natwe. Ikindi rero namwe nk'abakristu bacu mwige kubana na Nyagasani Yezu Kristu nk'uko nawe yaje kubana natwe. Padiri wacu azabidufashamo, tumwunganire aho rukomeye.

6, Hari n'icyo nshaka kuvuga ku itangazo ry'Inama y'Abepiskopi ryasomwe kuwa 20 Ugushyingo 2016 ku munsi wa Kristu Umwami n'isozwa ry'umwaka wa Yubile y'Impuhwe z'Imana, noneho n'intangiriro y'umwaka wa Yubile y'imyaka ijana umunyarwanda wa mbere ahawe ubupadiri. Ndashimira abakristu mwese mwafashe igihe cyo kuryumva kandi mukarishima ndetse mukabitubwira. Nubwo ryavuzweho byinshi ndetse bimwe binakomeye. Icyakora ntawe nigeze numva avuga ko hari ibirimo bitari byo, ahubwo usanga abavuga bose batubwira ko bidahagije, ko hari ibindi byagombaga kujyamo cyangwa se gukorwa. Ntabwo tubyirengagiza, turabizirikana.

Mu rusobe rw'imyumvire n'imitekerereze biri mu Rwanda no hanze yarwo ku mateka y'u Rwanda hari byinshi udashobora guhurizaho abanyarwanda bose, ndetse n'abanyamahanga dukorana bya hafi. Hariho ibizagenda bibonerwa ibisubizo mu biganiro bituje kandi bigamije kubaka Kiliziya n'igihugu cyacu mu iterambere tugamije.

7, Kugirango abantu babashe kwumva neza uko iri tangazo riteye ni nangombwa kwumva ko rigizwe n'ingingo eshatu zisobekeranye, ukuyemo imwe gusa ukaba ariyo usesengura wahusha ubutumwa Abepiskopi bashatse guha abakristu babo no kwereka abanyarwanda muri rusange aho twerekeje iyogezabutumwa.

Iri tangazo ryari rigenewe gusoza umwaka wa Yubile y'Impuhwe z'Imana twazirikanyeho uyu mwaka wose. Rikaba rigizwe n'ingingo eshatu twubakiraho Iyogezabutumwa rivuguruye ryo mu bihe biri imbere:

- **Gushimira Imana:** Turashimira Imana kubera impuhwe zayo yatugaragarije mu bihe bishize n'ubu kandi igikomeza kudutungisha. Ibyo bikagaragarira mu nzego za Kiliziya zitandukanye no mu bwitange mu bakristu b'ingeri nyinshi bakurikiranye ibyaranze uyu mwaka w'impuhwe n'imigambi yawufatiwemo.
- **Gusaba imbabazi kubitaragenze neza:** kubera imbaraga nke za muntu, kubera ubushishozi buke n'uburangare, noneho no kubagoswe n'ubucakara bw'icyaha kugeza ku nzangano n'ubwicanyi turabisabira imbabazi. Ni aha rero icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi cyahawe umwanya w'ibanze ngo cyumvikane nk'icyaha ndengakamere. Kiliziya ikakirwanya kuburyo butaziguye, kandi ikongera kwitandukanya n'ingengabitekerezo zacyo.
- **Gufata ingamba z'iyogezabutumwa rivuguruye:** ni uruhare Kiliziya Gatolika yiyemeza kugira mu kugendere ku Iyogezabutumwa rivuguruye no guhangana n'ibibazo bikibangamiye imibereho n'imibanire by'abanyarwanda cyane mu gufatanya n'abandi banyarwanda kubaka igihugu gitekanye kandi gitera imbere.

Ngasanga rero ku bakristu mwese icyo tubatezeho kurusha ibindi ni uruhare rwa buri wese muri iki cyerekezo twihaye kandi namwe tubahaye nka Kiliziya yacu.

Ndagira ngo ndangize mbifuriza amahoro n'ituze mu bukristu bwanyu no mu ngo zanyu.

Bikira Mariya mwamikazi wa Kibeho abakomeze mu kwemera.

Noheli nziza n'umwaka mushya muhire wa 2017.

Nyagasani Yezu nabane namwe.